REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 26 KAMENA 2015.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 26 Kamena 2015 yitabirwa n'abajyanama 25 kuri 29 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Kurahiza umujyanama uhagarariye abikorera mu Karere Bwana BYEMAYIRE Lambert.
- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 27/03/2015 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kwemeza ibipimo bizagenderwaho mu gikorwa cyo gusoresha mu mwaka wa 2015-2016.
- Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2015-2016.
- Kwemeza gahunda y'ibikorwa n'imihigo y'Akarere 2015-2016.
- Gusuzuma raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere.
- Kwemeza imyanzuro ya Komisiyo za Njyanama.
- Gusuzuma dosiye z'abasabye ibibanza.
- Kwiga ku mafaranga y'ifatabuguzi rya''internet'' ku bajyanama b'Akarere.

- Ibindi: Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere mu mwakawa 2015-2016

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwakira indahiro y'umujyanama uhagarariye abikorera mu Karere Bwana BYEMAYIRE Lambert;
ii. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Werurwe 2015, imaze kuyikorera ubugororangingo;
iii. Kwemeza ibipimo bizagenderwaho mu gikorwa cyo gusoresha mu mwaka wa 2015-2016;
iv. Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere 2015-2016;
v. Kwemeza gahunda y'ibikorwa n'imihigo y'Akarere 2015-2016;
vi. Kwemeza imyanzuro yaKomite Ngenzuzi y'Akarere imaze kuyunguranaho bitekerezo;
vii. Kwemeza imyanzuro ya Komisiyo za Njyanama y'Akarere imaze kuyunguranaho ibitekerezo;
viii. Kwemeza gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere mu mwaka wa 2015-2016.

IBYEMEZO.

1. Inama Njyanama yakiriye indahiro y'Umujyanama mushya uhagarariye abikorera mu Karere ka Huye, Bwana BYEMAYIRE Lambert.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Werurwe 2015, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama yemeje ibipimo bizagenderwaho mu gikorwa cyo gusoresha mu mwaka wa 2015-2016 nk'uko biri ku mugereka w'ibi byemezo.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yemeje ko hakorwa ibishushanyombonera bya ‘’centre de négoce ‘’ziri mu Karere ka Huye kugirango hagezwe ibikorwa remezo, bityo habone uko hasoreshwa.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw’abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yemeje ko ibipimo by’imisoro byemejwe bimenyeshwa abaturage, bikamanikwa ahantu hahurira abantu benshi kugirango babimenye, bityo bibashe gushyirwa mu bikorwa.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw’abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yemeje ko abajyanama bafatanije n’ubuyobozi bw’Akarere bakomeza gushishikariza abaturage gutanga imisoro ku bushake.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw’abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yemeje ingengo y’imari y’Akarere ka Huye y’umwaka wa 2015-2016 ingana na miliyari cumi n’eshatu miliyoni magana atandatu mirongo ine n’ebyiri ibihumbi magana atatu mirongo itatu, magana inani mirongo inani n’atatu(**13,642,330,883frw**)harimo amafaranga azinjira angana na **13,642,330,883frw** akaba ari nayo azasohoka nk’uko igaragara ku mugereka w’ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw’abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama yemeje amafaranga y’urugendo n’ifunguro ku bayobozi n’abakozi baje mu mahugurwa cyangwa mu bikorwa bitandukanye by’Akarere ku buryo bukurikira:

N^{O}	Umurenge	Amafaranga y’urugendo	Amafaranga y’ifunguro	Igiteranyo
1	Ngoma	2,000	2,500	4,500
2	Gishamvu	5,000	2,500	7,500
3	Tumba	2,000	2,500	4,500
4	Mukura	2,000	2,500	4,500
5	Karama	5,000	2,500	7,500
6	Huye	3,000	2,500	5,500
7	Maraba	4,000	2,500	6,500
8	Kigoma	6,000	2,500	8,500

Indatirwabahizi Dukorane Umurava Dutere Imbere

9	Mbazi	3,000	2,500	5,500
10	Simbi	4,000	2,500	6,500
11	Rusatira	4,000	2,500	6,500
12	Ruhashya	5,000	2,500	7,500
13	Kinazi	4,000	2,500	6,500
14	Rwaniro	6,000	2,500	8,500

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'urugendo n'ifunguro ku bayobozi n'bakozi bagiye mu butumwa bw'akazi mu tundi turere no muzindi ntara ku buryo bukurikira:

N^{O}	Ahantu	Amafaranga y'urugendo	Amafaranga y'ifunguro/Mission
1	Umujyi wa Kigali	13,000	5,000/6,000
2	Intara y'iburengerazuba	15,000	5,000/6,000
3	Intara y'iburasizua	15,000	5,000/6,000
4	Intara y'Amajyaruguru	15,000	5,000/6,000
5	Intara y'Amajyepfo		
	1. Nyaruguru	10,000	5,000/6,000
	2. Nyanza	4,000	5,000/6,000
	3. Gisagara	5,000	5,000/6,000
	4. Ruhango	5,000	5,000/6,000
	5. Muhanga	5,000	5,000/6,000
	6. Kamonyi	9,000	5,000/6,000
	7. Nyamagabe	3,000	5,000/6,000

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yemeje ko ku mafaranga y'urugendo n'ifunguro ku bayobozi n'abakozi baje mu mahugurwa cyangwa mu bikorwa bitandukanye by'Akarere, bafite ubumuga kandi bisaba ko baza bafite ababaherekeje, ababaherekeje bazajya bahabwa nabo amafaranga y'urugendo n'ifunguro angana n'ay'abo baherekeje babona. Uyu mwanzuro nawo wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje amafaranga y'itumanaho(communication) angana n'ibihumbi bitanu(5,000) azajya ahabwa abakozi b'Akarere bakorera ku kicaro cy'Akarere buri kwezi yiyongera kuri''user groupe'' bari basanzwe bafite kugirango akazi karusheho kugenda neza.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yashimye uburyo imihigo ya 2014-2015 yashyizwe mu bikorwa kuko yeshejwe ku mpuzandengo ya 95%.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama imaze kugezwaho gahunda y'ibikorwa by'Akarere mu mwaka wa 2015-2016 ndetse n'imihigo y'Akarere 2015-2016, yabyunguranyeho ibitekerezo irabyemeza nk'uko biri ku mugereka w'ibi byemezo.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Inama Njyanama imaze kugezwaho imyanzuro ya Komite Ngenzuzi y'Akarere, yayiganiriyeho, maze yemeza ikurikira:

- Yemeje ko raporo z'ibaruramari zitangwa n'ibigo bishamikiye ku karere zigomba gutangwa ku gihe, abatabikoze bakabazwa impanvu batabikora;
- Yemeje ko abagize akanama k'itanga ry'amasoko ku bigo bishamikiye ku karere bongererwa amahugurwa ku bijyanye n'itegeko rigena itangwa ry'amasoko kugirango umutungo wa Leta ukomeze ucungwe neza;
- Yemeje ko ibigo by'amashuri byubahiriza amategeko agenga ''stock'', kuzuza ibitabo by'ibaruramari uko bikwiriye no gukurikiza inama ziba zatanzwe mu bugenzuzi butandukanye buba bwakozwe ndetse no kugira ibitabo by'umutungo w'ikigo.
- Inama Njyanama imaze kugaragarizwa amafaranga yakoreshejwe binyuranye n'amategeko angana 100,000frw mu kigo cya Ecole Secondaire Saint Jean Bosco de Simbi yahawe umuyobozi w'ikigo ya ''representation'', n'andi angana na

30,000frw batwerereye abakozi bakoze ubukwe mu kigo cya GS Karama, yasabye ko abagize uruhare mugukoresha ayo mafaranga bayishyura ibigo.

- Inama Njyanama imaze kugaragarizwa amafaranga y'imisoro k'umushahara ataratanzwe n'abakozi bahembwa na ''Global fund'' mu bigo nderabuzima bya Matyazo,Rango na Gishamvu yemeje ko abo bakozi bahabwa igihe ntarengwa cyo kuba bishyuye ayo mafaranga barimo Leta. Batabikora bagafatirwa ibihano.
- Yemeje ko hafatwa ingamba yo gukumira kudatanga umusoro k'umushahara hakorwa amasezerano hagati y'ikigo n'abakozi bahembwa n'abaterankunga batemera gukata umusoro ku nkunga baba batanze, muri ayo masezerano hakajyamo ingingo ivuga ko abo bakozi bagomba kwitangira umusoro kuri RRA bakazana bordereaux ku bigo bakorera bitarenze itariki ya 15 y'ukwezi gukurikira uko basorera, batabikora ntibahembwe ukwezi gukurikiraho.
- Inama Njyanama imaze gusesengura ikibazo cy'amafaranga angana na11,423,204frw yahombejwe ikigo nderabuzima cya ''CUSP'' yemejeko umukozi urukiko ruzahamya n'icyo cyaha, ka azaryozwa amafaranga yaba yarahombeje ikigo.
- Inama Njyanaam imaze kugaragarizwa uko Akarere kari gushyira mubikorwa inama z'umugenzuzi mukuru wa Leta yasabye ko umwenda wose ujya mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere ugomba kuba ufite inyandiko ziwusobanura zuzuye.
- Inama Njyanama kandi yasabye ubuyobozi bw'Akarere gukora ibishoboka byose ngo ikosa rya "Miss posting" ricibweburundu kuko riteza andi makosa mu bitabo by'ibaruramari.
- Inama Njyanam imaze kugaragarizwa kugaragarizwa impuzandengo ingana na 47,6% y'ishyirwa mubikorwa by'inama z'umugenzuzi mukuru wimari ya Leta yasabye ko hashyirwamo ingufu mu gushyira mubikorwa izo nama, mbere yuko hatangwa raporo y'umwaka y' ibaruramari.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

15. Inama Njyanama yemeje imaze kugezwaho imyanzuro ya Komisiyo ziyigize yemeje ikurikira:

- Nyuma yo kugaragara ko Ibigonderabuzima na FARUMASI y'Akarere biberewe umwenda munini n'ikigo cy'ubwisungane mu kwivuza, Inama Njyanama irasaba ko hakorwa Ubuvugizi kugira ngo ibigonderabuzima byishyurwe bityo na Farumasi

y'Akarere ibashe kwishyurwa kugira ngo icyo kigo gikomeze kubonera ibigo by'ubuzima imiti.

- ❖ Inama Njyanama yifuje ko hakorwa ubuvugizi kugirango kugirango umuhanda ugana kuri stade Kamena iri kubakwa ushyirwemo kaburimbo.
- ❖ Inama Njyanama irasabako ibiganiro bitangwa mu gihe cy'icyunamo bigomba gutandukana n'izindi nyigisho byibanda ku nsanganyamatsiko n'integuro y'uwo munsi nta gutandukira kandi abashinzwe imigendekere myiza y'icyunamo bakabyitaho bakanabikurikirana.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

16. Inama Njyanama yemeje ko Bwana MBONIGABA Régis ahabwa ikibanza kiri mu Murenge wa Ngoma, Akagari ka Ngoma mu mudugudu wa Ngoma I gifite ubuso bungana na $15m^2$x $20m^2$ =$300m^2$zisimbura ubutaka yari afite buri ku cyangombwa n^o 743/HUY/TUM.
Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

17. Inama Njyanama imaze kubona ko kugira ifatabuguzi rya ''internet'' bisaba ibikoresho by'ikoranabuhanga kandi abajyanama benshi bakaba ntabyo bafite, imaze kandi kubona ko mu nama zayozose hakoreshwa impapuro nyinshi zitwara amafaranga menshi akarere kandi bikonona n'ibidukikije, yemeje ko hagurwa ''laptop''z'Inama Njyanama, noneho ibigendanye n'ifatabuguzi rya''internet''bikazafatwaho umwanzuro mu Nama Njyanama itaha.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

18. Inama Njyanama yemeje gahunda y'inama zisanzwe z'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye mu mwaka wa 2015-2016 ku buryo bukurikira:

IGIHEMBWE	ITARIKI
Igihembwe cya I	25/09/2015
Igihembwe cya II	18/12/2015
Igihembwe cya III	18/03/2016
Igihembwe cyaIV	24/06/2016

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

19. Mu izina ry'Abaturage bahagarariye, abajyanama bamaganye kandi ihohoterwa ryakorewe Generali Karenzi Karake, imwe mu ntwari zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi, ubwo yafatirwaga mu Bwongereza mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Basabye ko Generali Karenzi Karake yarekurwa vuba akaza agakomeza imirimo Igihugu cyamushinze kandi bongeye kwamagana agasuzuguro abanyaburayi bakomeje kugaragariza igihugu cyacu. Basabye kandi Abanyarwanda muri rusange n'Abanyehuye by'umwihariko gukomeza gukora cyane no kwihesha agaciro nk'uko Nyakubahwa Prezida wa Republika y'u Rwanda Nyakubahwa Paul KAGAME ahora abidusaba.

Bikorewe i Huye, kuwa 26.06.2015.

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanamay'Akarere ka Huye

Rev Prof Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye